# IMBIBI

***Twishimira abantu bazi icyo badusaba ariko tukananizwa na batabizi.***

**IHAME RY' ICYUMWERU**

Gutandukira bivuga kurenga imbibi z' icyiza, kubahuka, cyangwa gucengera ahari imbibi z' abandi. Ubwo gucengera bivuga kurenga imbibi ziriho, biyto rero hakagombye kubaho imbibi zitugenga. Iyo izo mbibi zitagaragara, dushobora kuzitambuka tutabizi.

Iyo ikigo kidahaye abakozi umurongo ugenga umurimo bakora hamwe n' intego zacyo, abakozi ntibashora gukurikirana umusaruro wabo. Ibyo twapima ni ibyagateganyo. Abakozi bashobora gushimisha umukoresha wabo gusa iyo umukoresha azi icyo abatezeho. Mbere yuko dupanga ibyifuzo ,bityo intego zigomba kugira imbibi. Ni bikorwa abakozi bazagira icyerekezo bamenye icyo gukora, kandi bisanzure muri izi mbibi.

Mu gihe twifuza ko abandi batworohera, natwe ubwacu tugomba kwiyorohera .kubigeraho bidusaba kuba dufite imbibi zitugose. Abana bacu bazatwubaha ari uko bamenye amategeko ni impamvu yayo. Bityo nabo bakayibonamo. Ntidushoba guhana uwari wese tubaziza uko batekereje cyangwa ngo babone ko tubarenganyije. Ntawe ukunda gukora akazi kadafite gahunda. Iyo ibikorwa bipima umurimo wakozwe kandi abawukoze bakamenya intego ni mpamvu, aha benshi bara byumvira.ibi biratureba "twebwe" aho kureba "bariya" ikipe ya bakozi bi kigo runaka. Aya si yo mategeko ndakuka , ariko ahanini abantu bagomba kumenya icyo dushinzwe hamwe ni cyo twifuza. Biduha inzira yo kugenda umujyo umwe, maze guhuzagurika no bigashira.

Tuzabona ko abakozi benshi bubaha abakoresha babo iyo intego ni mpamvu z' ikigo zasobanuwe neza. Bashobora kutemeranya natwe akenshi, ariko bazahora batwubaha. Usibye ko hari inyangabirama zihakana byose kandi zigahakanya buri wese, nti bazi koroherana. Ikizwi ni uko bagize agace gato ku muryango mugari dutuyemo. Iyo twarakaranije ni miryango yacu cyangwa abakozi dukorana, tugomba kwibaza niba ibyo twabasabye birenze igipimo cyangwa bigoranye cyane. Ese imbibi zanjye ziragutse bihagije ku buryo zisanzuye , ese imyumvire yanjye iberanye ni uburyo mbyifuza/mbiyobora.? Iyo ibi tuvuze haruguru byarangiye, haboneka abacengezi bake bashoboka

**INYUNGU**

1. Umubano wawe ugomba kunozwa kuko abakwegereye basobanukiwe ibyifuzo bwawe.
2. Abakozi bawe bashobora gupima imikorere yabo bakurikije imyifatire wabahaye.
3. Ubuyobozi bwawe barabwubaha kuko ushyiraho imbibi zihamye.
4. Impande zombi zigomba ku byumva kimwe ku mikorere y' ikipe.
5. Aba kuri hafi barabyishimira kuko iyo musangiye byose icyerekezo, ibyifuzo, akababaro…
6. Icyizere no kwanga umugayo birakendera biravuka maze igihirahiro kigashira kuko nta wongera kurindagira.

**INTAMBWE ZIKURIKIZWA**

1. Suzumana hamwe na bagenzi bawe mukorana; kandi ugenzure ko batikabirije.
2. Ihereze imbago zagutse kugira ngo wisanzure ku murimo. Tanga amahirwe

# Inzira ni mikorere z' MBIBI

kugira ngo bigaragaze; ariko nk' umuyobozi ugomba gufata icyemezo cyanyuma kandi ubyirengere.

3. Ujye uvuga neza icyo witeze ndetse ni gihe ntarengwa; ntukarondogore mu gihe utangiye uburyo n' ubushobozi bushya bw' imikorere yawe. Kunega abantu uba wahaye ububasha bibaca intege zo kunoza umurimo. Kunenga bigabanya umwete wa bantu bityo bigatuma badashobora kugira icyo bakora kizima; ikosora naryo rigomba kuza mu buryo bw' igitekerezo kinoza ibyakozwe. Fata urugero ku mufasha wawe, abana, abafatanyabikorwa ndetse na bakozi mukorana.
4. Ujye ukorana ubupfura mu gihe ushinga, ushimangira izo mbibi. Ujye uzirikana neza ko ibyo ukora bihuye na mahame akugenga.

Nka bakozi tugomba kandi kubaza abatuyobora ku cyerekezo n' intego z' ikigo runaka dukoreramo, ndetse tunubahirize amabwiriza duhabwa na batuyobora. Abayobozi kandi bagomba gusobanura imigambi yabo. Dore ko ibi tubyitoza tukiri mu ngo tuvukamo.

Mu gihe dusobanuye abo turi bo, icyo dukora, ni mpamvu tugikora, icyo twifuza ku bandi, icyo gihe abantu bazubahiriza imbibi zacu, kandi ni zabo zubahirizwe. Iyo ugaragaje imbibi zawe hakiri kare bigaragaza abifuza kugumana nawe cyangwa se ni abatabishaka.

**IBAZE KANDI USUBIZE**

1. Ese waba uhura ni ngorane mugihe ushyiraho imbibi ku nshuti zawe, abo mukorana cyangwa abo mukoresha? Ese ni yihe mpamvu?
2. Ese ni buryo ki ushobora gushyiraho imbibi mu muryango wawe ndetse no ku kazi ubarizwaho?
3. Ese waba warigeze kubabazwa ni abantu kandi ntibamenya ko bakugiriye nabi?
4. Ese ni iki wakora gitandukanye kugira ngo ubutaha abantu batazarenga imbibi zawe?

**Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!**

| Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Kuki wihaye aya manota? | | | | | | | | | | |
| Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe? | | | | | | | | | | |
| Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?? | | | | | | | | | | |
| Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi | M | T | W | T | F | S | S | | | |